# ITANGAZO

## Kwakira Ubusabe bw'uruhushya rwo gukora Tombola y'Igihugu

**Kigali, kuwa 9 Ukwakira 2025**

Urwego Rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB), rubinyujije muri Komisiyo Ishinzwe Tombola y'Igihugu n'Imikino y'Amahirwe (NLGC), rurahamagarira abashoramari babifitiye ubushobozi n'uburambe gusaba uburenganzira bwo gucunga no gukoresha Tombola y'Igihugu mu Rwanda.

Intego ya Tombola y'Igihugu ni ugukusanya mu buryo bwizewe umutungo ugamije guteza imbere gahunda zifitiye abaturage akamaro (ubuzima, siporo, umuco n'izindi gahunda rusange); gutegura imikino y'amahirwe idasaba amafaranga menshi, yubahiriza imibereho myiza y'abaturage kandi ikozwe mu mucyo; no kubahiriza amahame mpuzamahanga agenga ubunyangamugayo, ikoranabuhanga, n'uburyo bwo kubazwa inshingano.

**Gusaba kwemererwa bireba abashoramari bujuje ibi bikurikira:**

1. Uburambe mu gukora tombola z'ibihugu cyangwa ibindi bikorwa binini by'imikino y'amahirwe biri ku rwego rumwe;
2. Ubushobozi buhagije mu by'imari n'ubumenyi bwo gushyiraho no gukoresha uburyo bugezweho, bwizewe kandi bugera mu gihugu hose;
3. Ingamba zinoze zijyanye no gukoresha imikino y'amahirwe yita ku mibereho myiza y'abaturage no kubahiriza amategeko n'amabwiriza yo kurwanya iyezandonke n'iterabwoba (AML/CFT).

**Ibyo usaba agomba kugaragaza birimo inyandiko zose n'ikimenyetso cy'ubwishyu nk'uko biteganywa n'Iteka rya Minisitiri No 01/013 ryo kuwa 20/06/2013. Usaba agomba kandi gutanga ibi bikurikira:**

- Umwirondoro w'ikigo n'amakuru kuri ba nyiracyo;
- Icyemezo kigaragaza ko ikigo gifite uburambe mu micungire y'imikino y'amahirwe gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
- Ibisobanuro ku mikorere iteganyijwe, harimo ikoranabuhanga rizifashishwa, inzira zo kugeza serivisi ku bakiriya, uburyo bwo kugenzura no gutanga raporo, n'uburyo inyungu zizagabanwa;
- Icyemezo cy'ubushobozi mu by'imari n'ubumenyi;
- Ishusho rusange y'uburyo imikino izakoreshwa n'igihe bizashyirirwa mu bikorwa.

Gusaba bigomba kunyuzwa kuri imeyili: NLGC@rdb.rw bifite umutwe ugira uti: "**Gusaba Gukoresha Tombola y'Igihugu**." Amabwiriza ajyanye no kwishyura asabwa binyuze kuri iyo aderesi. Hazitabwa gusa ku bujuje ibisabwa birimo inyandiko za ngombwa n'inyemezabwishyu. Itariki ntarengwa yo gusaba kwemererwa ni kuwa **31 Ukwakira 2025.**

Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje gukorana n'abashoramari bizewe kugirango Tombola y'Igihugu isubireho nka gahunda iteza imbere imibereho myiza, irengera abaturage, igaragaza ubunyangamugayo kandi igatanga inyungu nyinshi ku baturage no mu bukungu bw'Igihugu.

**Bitangajwe na:**

**Komisiyo ishinzwe Tombola y'Igihugu n'Imikino y'Amahirwe (NLGC)**
**Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB)**